REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA KAMONYI

B.P. 03 MUHANGA

E-mail: kamonyidistrict@yahoo.fr

IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI N° 012 /07.02/08/CD

IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KU WA 11 UKUBOZA 2012

Kuri uyu wa Kabiri tariki ya **11 Ukuboza 2012** ku biro by'Akarere ka **KAMONYI** guhera saa yine za mu gitondo **(10H00)** hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana **KARURANGA Emmanuel** . Umuyobozi w'inama yamenyesheje abitabiriye inama ko Umujyanama **RUTSINGA Jacques** atari bwitabire inama kubera uruzinduko rwa Guverineri w'Intara y'Amajyepfo. Umujyanama **UWINEZA Claudine** atari bwitabire inama kubera ko ari mu kiruhuko cy'umwaka, Umujyanama **BIZIYAREMYE Gonzague** nawe akaba yamenyesheje impamvu atari bwitabire inama. Naho Umujyanama **MUKABYAGAJU Illuminee,** Umujyanama **TUYIZERE Oswald** n'Umujyanama **NTABANA Yves** nta mpamvu bamenyesheje.

Umuyobozi w'inama yibukije Abajyanama ingingo ziribusuzumwe n'Inama Njyanama:

1. **Raporo ya Komisiyo y'ubutaka ku bibazo abaturage bagejeje ku Nama Njyanama**
2. **Raporo ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari y'Akarere igihembwe cya I/2012 - 2013**
3. **Raporo y'umugenzuzi bwite w'Akarere igihembwe cya I/2012 – 2013**
4. **Raporo ya Komite y'ubugenzuzi mu Karere ku Nama zatanzwe n'umugenzuzi bwite w'Akarere**
5. **Inyongera ku mabwiriza y'isuku**
6. **Ibirebana n'Abakozi**
7. **Umwiherero w'abagize Inama Njyanama y'Akarere**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ingingo ku ngingo, Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka **KAMONYI** bafashe ibyemezo bikurikira:

Ingingo ya 1 : Raporo y'Umugenzuzi bwite w'Akarere igihembwe cya I/2012 – 2013 n'ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe n'umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta 2011 - 2012

Abajyanama bamaze kugezwaho raporo y'ubugenzuzi bwakozwe muri serivisi bwite z'Akarere arizo: Imari, amasoko, serivisi y'imicungire y'abakozi, serivisi y'ibikoresho. ndetse n' ubugenzuzi ku ishyirwa mu bikorwa ry'inama z'ubugenzuzi bwakorewe bimwe mu bigo Nderabuzima mu kwezi k'**Ukuboza 2011** aribyo**: KAYENZI, KARANGARA, KIGESE, MUGINA** na **MUSAMBIRA.**

Abajyanama bashimye ubugenzuzi bwakozwe basaba abo bireba bose ko inama zatanzwe n'umugenzuzi bwite w'Akarere zikurikizwa. Basaba kandi ko inama zigenda zigaruka muri raporo y'Umugenzuzi bwite , Ubuyobozi bw'Akarere bukwiye gushyira ingufu mu kuzikosora kugira ngo zitazongera kugaragazwa muri raporo itaha y'ubugenzuzi.

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga raporo y'Umugenzuzi bwite w'Akarere igihembwe cya **I/2012 – 2013** n'ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe n'umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta **2011 – 2012.**

Icyemezo cyafashwe n'Abajyanama ku bwisanzure busesuye

Ingingo ya 2: Raporo ya Komite y'ubugenzuzi mu Karere ku Nama zatanzwe n'umugenzuzi bwite w'Akarere

Kuri iyi ngingo Bwana **CYUBAHIRO Elias** ukuriye Komite y'ubugenzuzi mu Karere ka **KAMONYI** amaze kugeza ku Bajyanama raporo y'ibikorwa byakozwe na Komite y'ubugenzuzi, babishimye bemeza ko inzego zose zizakurikiza inama zatanzwe baboneraho gusaba Komite y'ubugenzuzi kuzajya igeza ku Nama Njyanama raporo y'ibikorwa byakozwe.

Ingingo ya 3 : Inyongera ku mabwiriza y'isuku

Abajyanama bamaze kugezwaho ibirebana n'amabwiriza arebana n'akanozasuku gakoreshwa n'abakoresha amapikipiki bayemeje akaba yuzuza amabwiriza y'isuku yemejwe n'Inama Njyanama yateranye ku wa **03 Nzeri 2010**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga amabwiriza agena uburyo bwo gukoresha utunozasuku munsi y'ingofero irinda abagenzi bakoresha amapikipiki.

Icyemezo cyafashwe n'Abajyanama ku bwisanzure busesuye

Ingingo ya 4 : Raporo ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari y'Akarere igihembwe cya I / 2012 - 2013

Kuri iyi ngingo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere Bwana **BAHIZI Emmanuel** amaze kugeza ku Bajyanama raporo ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari y'Akarere igihembwe cya **I/2012 – 2013,** bayishimye basaba ko ingamba zafashwe mu kongera imisoro yinjira mu Karere zishyirwamo ingufu bikagendana kandi no kunoza urutonde rw'abasora . Ingengo y'imari y'Akarere ka **KAMONYI** igihembwe cya **I/2012 – 2013** ikaba imaze gukoreshwa kugera kuri **20%.**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga raporo ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari y'Akarere igihembwe cya I/2012 – 2013

Ingingo ya 5: Raporo ya Komisiyo y'ubutaka ku bibazo abaturage bagejeje ku Nama Njyanama

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'ubutaka bamaze ku bibazo byagejejwe ku Nama Njyanama bafashe imyanzuro ikurikira:

- **NSHIMIYIMANA Emmanuel**

Atuye mu Murenge wa MUGINA, Akagali ka JENDA, Umudugudu wa MATABA

- Abajyanama bamaze gusuzuma igihe avuga ko yaherewe ubutaka n'imyaka afite ubu, basanze icyo gihe yari akiri umwana;
- Aho avuga ko yahawe hegeranye n'ahatanzwe mu buryo bwa shiku kandi Se Umubyara yarahawe isambu mu 1998 yegeranye n'iy'umwana we bigaragara ko ari ukwigabiza imitungo ya Leta. Abajyanama bemeje ko yandikirwa asabwa guhagarika ibikorwa byose afite muri ubu butaka bugasubizwa Leta.

- **RUSATSI Wellars**

Atuye mu Murenge wa MUGINA, Akagali ka JENDA, Umudugudu wa MATABA

Abajyanama bamaze kubona ko isambu yayihawe n'inama ya Komini **MUGINA** mu 1998**,** ariko bikagaragara ko ari uburiganya kuko hari n'indi sambu ya payizana yahawe muri 1965. Abajyanama bemeje ko yandikirwa asabwa guhagarika ibikorwa byose afite muri ubu butaka bugasubizwa Leta.

- **NSHIMIYIMANA Bertin**

Utuye mu Murenge wa MUGINA, Akagali ka JENDA, Umudugudu wa MATABA

Abajyanama basanze impamvu atanga z'uko yahawe na Komini MUGINA mu mwaka w'1998 nta shingiro zifite kuko atagaragaza icyemezo yabuhereweho ndetse n'abo baherewe rimwe nabo bakaba batarabyemeje. Hemejwe ko yandikirwa asabwa guhagarika ibikorwa byose afite muri ubu butaka bugasubizwa Leta.

- **RUTABAGISHA Vénuste**

Atuye mu Murenge wa MUGINA, Akagali ka JENDA, Umudugudu wa KIGARAMA

Abajyanama basanze impamvu atanga z'uko yahawe na Komini MUGINA mu mwaka w'1997 nta shingiro zifite , kuko afite indi isambu yari yarahawe muri payizana ihererey muri MATABA.

Abajyanama bemeje ko yandikirwa asabwa guhagarika ibikorwa byose afite muri ubu butaka bugasubizwa Leta.

- **GATSINZI David**

Atuye mu Murenge wa MUGINA, Akagali ka JENDA, Umudugudu wa KIGARAMA

Abajyanama bamaze kubona ko nyuma yo guhunguka nta bundi butaka afite, hemejwe ko ubutaka yahawe na Komine MUGINA mu mwaka wa 1997 yabuhabwa ariko mbere yo kwandikirwa abwemererwa Komisiyo y'ubutaka mu Karere ikabanza kugaragaza ubuso bw'ubutaka yemerewe.

- **UGIRASHEBUJA Célestin**

Atuye mu Murenge wa MUGINA, Akagali ka JENDA, Umudugudu wa KIGARAMA

Abajyanama bemeje ko yabuhabwa abanje kugaragaza icyemezo gitangirwa muri servisi y' ubutaka mu Karere yavukiyemo mu icyahoze ari KIBUYE kigaragaza ko nta sambu ahafite. Mbere yo kwandikirwa abwemererwa Komisiyo y'ubutaka mu Karere ikabanza kugaragaza ubuso bw'ubutaka yemerewe.

- **MUBERUKA François**

Utuye mu Murenge wa MUGINA, Akagali ka JENDA, Umudugudu wa MUNINI

Abajyanama bamaze kubona ko yahawe ubutaka n' inama ya Komini **MUGINA** mu mwaka w' 1979 akaba abumaranye imyaka 33. Abajyanama bemeje ko yabuhabwa, ariko mbere yo kwandikirwa abwemererwa Komisiyo y'ubutaka mu Karere ikabanza kugaragaza ubuso bw'ubutaka yemerewe.

- **TWAGIRIMANA Jean Baptiste**

Atuye mu Murenge wa MUGINA, Akagali ka JENDA, Umudugudu wa MININI

Abajyanama bamaze kubona ko yahawe ubutaka n' inama ya Komini MUGINA mu mwaka w'1978 akaba yari abumaranye imyaka 34. Abajyanama bemeje ko yabuhabwa, ariko mbere yo kwandikirwa abwemererwa , Komisiyo y'ubutaka mu Karere ikabanza kugaragaza ubuso bw'ubutaka yemererwe

- **SEHUKU Fidele**

Utuye mu Murenge wa MUGINA, Akagali ka JENDA, Umudugudu wa MUNINI

Abajyanama bamaze kubona ko yahawe ubutaka n' inama ya Komini **MUGINA** mu mwaka w**'** 1977 akaba ayimaranye imyaka **35;** Abajyanama bemeje ko yabuhabwa, ariko mbere yo kwandikirwa abwemerwa ,Komisiyo y'ubutaka mu Karere ikabanza kugaragaza ubuso bw'ubutaka yemerewe.

- **NTAGENGWA Servil Omar**

Ubarizwa muri Diaspora y'Ububiligi

Abajyanama bamaze kubona ko asaba ubutaka bwo ku Ijuru rya KAMONYI kugira ngo ahakorere umushinga **"IJURU RYA KAMONYI "** , Abajyanama bemeje bizigirwa muri Komisiyo y'Iterambere ry'ubukungu ariko Komisiyo y'ubutaka mu Karere ikabanza kugaragaza ko hari ubutaka iki gikorwa cyakorerwaho.

- **SAGAHUTU Jean Berchimas**

Abarizwa mu Mujyi wa KIGALI, Umurenge wa KIMISAGARA, Akagali ka KAMUHOZA, Umudugudu wa NTARAGA

Abajyanama bamaze gusuzuma ibirebana n‘ isambu iherereye mu Murenge wa RUKOMA avuga ko yambuwe mu mwaka w‘ 1962 , uwayimwambuye akaba yararangije kuyandikwaho; Baramugira inama yo kugana inkiko kuko ari zo zifite ububasha bwo kwandukuraho ubutaka uwabwanditsweho akabubonera ibyangombwa bya burundu.

- **MUKARUZIGA Rosalie**

Abarizwa mu Ntara y’IBURASIRAZUBA, Umurenge wa GAHINI, Akagali ka RUGARAMA

Abajyanama bemeje ko Ibiro by’ubutaka mu Karere ka KAMONYI bizandikira Ibiro by’ubutaka mu Karere ka KAYONZA babisaba kwemeza ko atigeze atuzwa cyangwa ko nta n‘ubundi butaka atunze. Nibasanga nta butaka afite azashakirwa aho gutuzwa**.**

- **NZEYIMANA Isidoli**

Atuye mu Murenge wa KAYENZI, Akagali ka NYAMIRAMA, Umudugudu wa KIBUYE

Abajyanama bamaze kugezwaho ko asaba kurenganurwa ngo kuko isambu ye umuvandimwe we amubuza kuyikoreramo; Abajyanama barasanga ibi ari urugomo akorerwa bakaba bamusaba kwegera Ubuyobozi bw’Umurenge n’inzego z’umutekano bakamufasha.

- **RUHAMYANDEKWE Fabien**

Atuye mu Murenge wa KAYENZI, Akagali ka NYAMIRAMA, Umudugudu wa BUSHARA

Abajyanama bamaze kumva uburemere bw’iki kibazo cye kirebana n’isambu irimo ishyamba yemeza ko ari irye , Abajyanama bemeje ko iki kibazo kizongera kuganirwaho mu nama itaha y’Inama Njyanama hamaze gukusanywa amakuru yose afatika.

- **UMWALIMU SACCO**

Abajyanama bemejeko **UMWALIMU SACCO** ihabwa ikibanza mu Murenge wa **GACURABWENGE,** Akagali ka **NKINGO,** Umudugudu wa **MATABA**, kingana na **30m** z’ubuhagarike kuri **20m** z’ubutambike.

- **NSABIMANA Emmanuel**

Atuye mu Murenge wa MUGINA, Akagali ka JENDA, Umudugudu wa KIGARAMA

Abajyanama bamaze kubona ko iyo ubutaka bwanditswe kuri nyirabwo, hatabaye ubwumvikane ngo hakorwe ihererekanya " Mutation ", ikiba gisigaye ari ukugana inkiko, Abajyanama baramugira inama yo kugana inkiko.

- **TWIZEYIMANA Alexis**

Atuye mu Murenge wa NYARUBAKA

Abajyanama bamaze kugezwaho ko icyemezo Inama Njyanama yari yafashe tariki ya **25 Gicurasi 2012** cyasabaga ko ubutaka afite bugomba kubanza gukurwamo umunani wa **UWIMANA;** we akongera kwandikira Inama Njyanama ayisaba gusubira ku cyemezo yafashe; Abajyanama basanze icyemezo yafatiwe cy'uko agomba gutanga isambu ya **UWIMANA** we akazarega abo baguze kinyuze mu mucyo bashima ko Umurenge wa NYARUBAKA washyize mu bikorwa icyo cyemezo.

- **DUSENGEYEZU Eugène**

Atuye mu Murenge wa MUGINA, Akagali ka KABUGONDO, Umudugudu wa MATABA

Abajyanama bamaze kugezwaho ibisobanuro bihagije ku kibazo kiri hagati y'umuryango wa **KAMANA Jean Bosco** na **KABAYIZA Eugène**;

Abajyanama bamaze kubona kandi ko ubutaka bwanditse kuri **KAMANA Jean Bosco** akaba yararangije no kububonera ibyangombwa bya burundu ;

Bemeje ko ubutaka ari ubwa **KAMANA Jean Bosco** basaba ko uzaba atishimiye iki cyemezo aziyambaza inkiko.

- **RWABUDURANYA Silas**

Atuye mu Murenge wa RUGALIKA, Akagali ka NYARUBUYE Umudugudu wa RUHOGO

- Abajyanama bamaze kubona ko **RWABUDURANYA Silas** yitabye Imana nyamara ibaruwa ikandikwa mu izina rye ;

Abajyanama bemeje batagomba kwiga iki kibazo kuko cyanditswe mu izin ry'umuntu utakiriho.

- Abajyanama bemeje ko ikibazo cya **NKWANZI Elevanie** ndetse n'ikibazo cya **DUSENGEYEZU Eugène** kizagarukwaho mu nama itaha y'inama Njyanama hamaze kwegeranywa raporo zose kuri ibi bibazo

- Ku birebana n'ubutaka buri mu Murenge wa **GACURABWENGE**, Akagali ka **GIHINGA,** buteganywa kubakwaho ibiro by'Akarere habanje kugurirwa bene bwo "expropriation", Abajyanama bemeje ko iyi ngingo izaganirirwa mu nama itaha y'Inama Njyanama hamaze kugaragazwa ko amafaranga yo kwimura abaturage baburimo ahari.

- Ku birebana n'ubutaka buteganywa kubakwaho **AGAKIRIRO** mu Karere ka KAMONYI , Abajyanama bemeje ko ubutaka bungana na **4ha na Ca 6684** buri mu Murenge wa RUNDA, Akagali ka **MUGANZA**,Umudugudu wa **NYAGACYAMU** buzubakwaho AGAKIRIRO.

- Kuri iyi ngingo Abajyanama bemeje ifishi izajya yuzuzwa n'usaba ubutaka mu Karere ka KAMONYI nk'uko igaragara ku mugereka w'ibi byemezo.

Ingingo ya 6 : **Ibirebana n'Abakozi**

Abajyanama bashingiye ku ibaruwa **N° 2153/RO/12** yo ku wa **14 Ugushyingo 2012** y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta yandikiye Ubuyobozi bw'Akarere gushyira Abakozi mu myanya nyuma y'amapiganarwa bakoze, Abakozi bashya bashyizwe mu myanya ku buryo bukurikira:

N^0	**AMAZINA**	**UMWANYA YATSINDIYE**	**AMANOTA YAGIZE %**
01	NIYITEGEKA Antoine	Abakozi bashinzwe Imisoro n'Ibaruramari mu Mirenge	77%
02	MUREKATETE Florentine		76.5%
03	HARERA Sebastien		74.8%
04	MUKANSIGAYE Vestine		74.1%
05	NIYITEGEKA Ismaël	Umukozi Ushinzwe Ibikorwa Remezo ku Karere	84.5%
06	MUVUNYI Evode		72.5%
07	BIGIRIMANA Fidèle	''Laborantin''w'Ivuriro	72.5%
08	HATANGIMANA Piter Claver	Umubaruramari w'Ivuriro	70.5%
09	SHUMBUSHO Elysée	Abakozi bashinzwe udushami tw'Ubwisungane mu kwivuza	74%
10	UMUBYEYI Sylvie		72%
11	NIYOMPUHWE Marie Grâce		71.5%
12	MUNYABUGINGO Michel		70%
13	MUSONI Elias	Abakozi bashinzwe Iterambere mu Tugari	76.5%
14	TWAHIRWA Emile	Ushinzwe Umutungo wa VUP	71.5%
15	NYIRAMISAGO Athanasie	Umuyobozi wa BDC(BDC Manager)	77.3%
16	HAKIZIMANA Florien	Ushinzwe Ikoranabuhanga	80.16%

Ingingo ya 7 : **Umwiherero w'abagize Inama Njyanama y'Akarere**

Abajyanama bemeje ko umwiherero wa kane w'Abagize Inama Njyanama uzabera i KARONGI mu Ntara y'Iburengerazuba guhera tariki ya **7 – 8 – 9 Gashyantare 2013**.

Inama yashoje imirimo yayo saa cyenda z'umugoroba **(15H00)**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga urutonde rw'Abajyanama bafashe icyemezo kuri buri ngingo.

NIKUZE Marie Chantal — Umunyamabanga w'Inama Njyanama

KARURANGA Emmanuel — Umuyobozi w'Inama Njyanama